AMABWIRIZA YA MINISITIRI N° 7015 YO KU WA 30/11/2020 AGENA INSHINGANO UBUBASHA N'IMIKORERE BYA KOMITE ZISHINZWE IMICUNGIRE Y'IBIGO BY'UBUVUZI BYA LETA CYANGWA IBY'ABAFATANYA NA LETA KU BW'AMASEZERANO	MINISTERIAL INSTRUCTIONS N° 7015 OF 30/11/2020 DETERMINING THE RESPONSIBILITIES, POWERS AND FUNCTIONING OF COMMITTEES IN CHARGE OF THE MANAGEMENT OF PUBLIC OR SUBSIDISED HEALTH FACILITIES	INSTRUCTIONS MINISTÉRIELLES N° 7015 DU 30/11/2020 DÉTERMINANT LES ATTRIBUTIONS, POUVOIRS ET LE FONCTIONNEMENT DES COMITÉS CHARGÉS DE LA GESTION DES FORMATIONS SANITAIRES PUBLIQUES OU CONVENTIONNÉES
ISHAKIRO	**TABLE OF CONTENTS**	**TABLE DES MATIÈRES**
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE **Ingingo ya mbere: Icyo aya amabwiriza agamije** **Ingingo ya 2: Abarebwa n'aya mabwiriza** **Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo** **UMUTWE WA II: INSHINGANO, UBUBASHA N'IMIKORERE BYA KOMITE** **Icyiciro cya mbere: Komite z'Ibitaro** **Ingingo ya 4: Komite z'Ibitaro Bikuru, iby'Intara, iby'Uturere cyangwa Ibyihariye**	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS** **Article One: Purpose of these Instructions** **Article 2: Scope of application** **Article 3: Definitions** **CHAPTER II: RESPONSIBILITIES, POWERS AND FUNCTIONING OF COMMITTEES** **Section One: Hospital Committees** **Article 4: Committees of Referral, Provincial, District or Specialised Hospitals**	**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES** **Article premier: Objet des présentes instructions** **Article 2: Champ d'application** **Article 3: Définitions** **CHAPITRE II: ATTRIBUTIONS, POUVOIRS ET FONCTIONNEMENT DES COMITÉS** **Section première: Comités des Hôpitaux** **Article 4: Comités des Hôpitaux de Référence, de Provinces, de Districts ou Spécialisés**

Ingingo ya 5: Inshingano n'ububasha bya Komite y'Ubuzima y'Ibitaro Bikuru, iby'Intara, iby'Uturere cyangwa Ibyihariye	**Article 5: Responsibilities and powers of Health Committee of a Referral, Provincial, District or Specialised Hospitals**	**Article 5: Attributions et pouvoirs du Comité de Santé d'un Hôpital de Référence, de Provinces, de Districts ou Spécialisés**
Ingingo ya 6: Abagize Komite y'Ubuzima	**Article 6: Health Committee members**	**Article 6: Membres du Comité de Santé**
Ingingo ya 7: Umwanditsi wa Komite y'Ubuzima	**Article 7: Rapporteur of the Health Committee**	**Article 7: Rapporteur du Comité de Santé**
Ingingo ya 8: Uko abagize Komite y'Ubuzima batoranywa	**Article 8: Modalities of selecting members of the Health Committee**	**Article 8: Modalités de sélection des membres du Comité de Santé**
Ingingo ya 9: Biro ya Komite y'Ubuzima y'ibitaro bya Leta	**Article 9: Bureau of the Health Committee of a public hospital**	**Article 9: Bureau du Comité de Santé d'un hôpital public**
Ingingo ya 10: Biro ya Komite y'Ubuzima y'ibitaro by'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano	**Article 10: Bureau of Health Committee of a subsidised hospital**	**Article 10: Bureau du Comité de Santé d'un hôpital conventionné**
Ingingo ya 11: Igihe inama za Komite y'Ubuzima y'ibitaro zibera	**Article 11: Frequency of hospital Health Committee meetings**	**Article 11: Fréquence des réunions du Comité de Santé d'un hôpital**
Ingingo ya 12: Itumizwa n'iterana ry'inama ya Komite y'Ubuzima y'ibitaro	**Article 12: Convening and holding of the hospital Health Committee meeting**	**Article 12: Convocation et tenue de la réunion du Comité de Santé d'un hôpital**
Ingingo ya 13: Ifatwa ry'ibyemezo bya Komite y'Ubuzima y'ibitaro	**Article 13: Decision-making of the hospital Health Committee**	**Article 13: Prise de décisions du Comité de Santé d'un hôpital**
Ingingo ya 14: Ibyemezo by'inama za Komite y'Ubuzima y'ibitaro	**Article 14: Decisions from meetings of the hospital Health Committee**	**Article 14: Décisions des réunions du Comité de Santé d'un hôpital**

Ingingo ya 15: Isuzuma ry'imikorere ya Komite y'Ubuzima	**Article 15: Evaluation of the functioning of the Health Committee**	**Article 15: Évaluation du fonctionnement du Comité de Santé**
Ikiciro cya 2: Komite Ncungamutungo y'ibitaro	**Section 2: Hospital Management Committee**	**Section 2: Comité de Gestion de l'hôpital**
Ingingo ya 16: Inshingano n'ububasha bya Komite Ncungamutungo y'ibitaro	**Article 16: Responsibilities and powers of the hospital Management Committee**	**Article 16: Attributions et pouvoirs du Comité de Gestion de l'hôpital**
Ingingo ya 17: Abagize Komite Ncungamutungo y'ibitaro	**Article 17: Members of the hospital Management Committee**	**Article 17: Membres du Comité de Gestion de l'hôpital**
Ingingo ya 18: Guterana kwa Komite Ncungamutungo y'ibitaro	**Article 18: Meeting of the hospital Management Committee**	**Article 18: Réunion du Comité de Gestion de l'hôpital**
Icyiciro cya 3: Komite z'Ikigo Nderabuzima cyangwa Ikigo Nderabuzima gitanga serivisi zisumbuye ku rwego rwa Dogiteri	**Section 3: Committees of a Health Centre or Medicalised Health Centre**	**Section 3: Comités d'un Centre de Santé ou d'un Centre de Santé Médicalisé**
Ingingo ya 19: Komite z'Ikigo Nderabuzima	**Article 19: Committees of a Health Centre**	**Article 19: Comités d'un Centre de Santé**
Ingingo ya 20: Inshingano n'ububasha bya Komite y'Ubuzima	**Article 20: Responsibilities and powers of the Health Committee**	**Article 20: Attributions et pouvoirs du Comité de Santé**
Ingingo ya 21: Abagize Komite y'Ubuzima y'Ikigo Nderabuzima cyangwa Ikigo Nderabuzima gitanga serivisi zisumbuye ku rwego rwa Dogiteri	**Article 21: Members of the Health Committee of a Health Centre or Medicalised Health Centre**	**Article 21: Membres du Comité de Santé du Centre de Santé ou du Centre de Santé Médicalisé**
Ingingo ya 22: Umwanditsi wa Komite y'Ubuzima	**Article 22: Rapporteur of the Health Committee**	**Article 22: Rapporteur du Comité de Santé**

Ingingo ya 23: Uko abagize Komite y'Ubuzima b'Ikigo Nderabuzima cyangwa Ikigo nderabuzima gitanga serivisi zisumbuye ku rwego rwa Dogiteri batoranywa	**Article 23: Modalities of selection of members of the Health Committee of a Health Centre or Medicalised Health Centre**	**Article 23: Modalités de sélection des membres du Comité de Santé du Centre de Santé ou Centre de Santé Médicalisé**
Ingingo ya 24: Ishyirwaho ry'ubuyobozi bwa Komite y'Ubuzima y'Ikigo Nderabuzima cyangwa Ikigo Nderabuzima gitanga serivisi zisumbuye ku rwego rwa Dogiteri	**Article 24: Establishment of the management of a Health Centre or Medicalised Health Centre's Health Committee**	**Article 24: Mise en place de la direction du Comité de Santé d'un Centre de Santé ou Centre de Santé Médicalisé**
Ingingo ya 25: Igihe inama za Komite y'Ubuzima y'Ikigo Nderabuzima cyangwa Ikigo Nderabuzima gitanga serivisi zisumbuye ku rwego rwa Dogiteri zibera	**Article 25: Frequency of the Health Centre or Medicalised Health Centre's Health Committee meetings**	**Article 25: Fréquence des réunions du Comité de Santé du Centre de Santé ou Centre de Santé Médicalisé**
Ingingo ya 26: Ibyemezo bya Komite y'Ubuzima y'Ikigo Nderabuzima cyangwa Ikigo Nderabuzima gitanga serivisi zisumbuye ku rwego rwa Dogiteri	**Article 26: Decisions of a Health Centre or Medicalised Health Centre's Health Committee**	**Article 26: Décisions du Comité de Santé d'un Centre de Santé ou Centre de Santé Médicalisé**
Ingingo ya 27: Isuzuma ry'imikorere ya Komite y'Ubuzima	**Article 27: Evaluation of the functioning of the Health Committee**	**Article 27: Évaluation du fonctionnement du Comité de Santé**
Ingingo ya 28: Inshingano n'ububasha bya Komite Ncungamutungo y'Ikigo Nderabuzima cyangwa Ikigo Nderabuzima gitanga serivisi zisumbuye ku rwego rwa Dogiteri	**Article 28: Responsibilities and powers of the Management Committee of a Health Centre or Medicalised Health Centre**	**Article 28: Attributions et pouvoirs du Comité de Gestion d'un Centre de Santé ou Centre de Santé Médicalisé**

Ingingo ya 29: Abagize Komite Ncungamutungo y'Ikigo Nderabuzima cyangwa Ikigo Nderabuzima gitanga serivisi zisumbuye ku rwego rwa Dogiteri	**Article 29: Members of the Management Committee of a Health Centre or Medicalised Health Centre**	**Article 29: Membres du Comité de Gestion d'un Centre de Santé ou Centre de Santé Médicalisé**
Ingingo ya 30: Inama za Komite Ncungamutungo	**Article 30: Meetings of the Management Committee**	**Article 30: Réunions du Comité de Gestion**
Ingingo ya 31: Isuzuma ry'Imikorere ya Komite Ncungamutungo	**Article 31: Evaluation of the functioning of the Management Committee**	**Article 31: Évaluation du fonctionnement du Comité de Gestion**
Icyiciro cya 4: Ibigenerwa abagize Komite z'ibigo by'ubuvuzi na manda yabo	**Section 4: Benefits granted to members of Committees of health facilities and their term of office**	**Section 4: Avantages alloués aux membres des Comités des formations sanitaires et leur mandat**
Ingingo ya 32: Ibigenerwa abagize Komite z'ibigo by'ubuvuzi	**Article 32: Benefits granted to members of Committees of health facilities**	**Article 32: Avantages alloués aux membres des Comités des formations sanitaires**
Ingingo ya 33: Manda ya za Komite n'uburyo hasimbuzwa uwavuye mu mwanya	**Article 33: Term of office of Committees and procedures for replacement of a member who ceases to hold office**	**Article 33: Mandat des Comités et modalités de remplacement d'un membre qui cesse ses fonctions**
UMUTWE WA III : INGINGO ZISOZA	**CHAPTER III: FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE III: DISPOSITIONS FINALES**
Ingingo ya 34: Ivanwaho ry'amabwiriza n'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza	**Article 34: Repealing provision**	**Article 34: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 35: Igihe aya mabwiriza atangirira gukurikizwa	**Article 35: Commencement**	**Article 35: Entrée en vigueur**

AMABWIRIZA YA MINISITIRI N° 7015 YO KU WA 30/11/2020 AGENA INSHINGANO UBUBASHA N'IMIKORERE BYA KOMITE ZISHINZWE IMICUNGIRE Y'IBIGO BY'UBUVUZI BYA LETA CYANGWA IBY'ABAFATANYA NA LETA KU BW'AMASEZERANO	**MINISTERIAL INSTRUCTIONS N° 7015 OF 30/11/2020 DETERMINING THE RESPONSIBILITIES, POWERS AND FUNCTIONING OF COMMITTEES IN CHARGE OF THE MANAGEMENT OF PUBLIC OR SUBSIDISED HEALTH FACILITIES**	**INSTRUCTIONS MINISTÉRIELLES N° 7015 DU 30/11/2020 DÉTERMINANT LES ATTRIBUTIONS, POUVOIRS ET LE FONCTIONNEMENT DES COMITÉS CHARGÉS DE LA GESTION DES FORMATIONS SANITAIRES PUBLIQUES OU CONVENTIONNÉES**
Minisitiri w'Ubuzima;	**The Minister of Health;**	**Le Ministre de la Santé;**
Ashingiye ku ihame ry'uko amavuriro agomba gutanga serivisi zinoze ari na ko arushaho guhamya gahunda z'iterambere ryayo zishamikiye ku miyoborere myiza y'ibigo by'ubuvuzi;	Basing on the principle that health facilities must provide quality services and strengthen their development programs focused on good governance of health facilities;	Partant du principe que les formations sanitaires doivent fournir les services de qualité et renforcer leurs programmes de développement axés sur la bonne gouvernance des formations sanitaires;
Asubiye ku Mabwiriza ya Minisitiri n° 7014 yo ku wa 16/09/2020 agena inshingano n'imikorere bya komite zishinzwe imicungire y'amavuriro ya Leta cyangwa aterwa inkunga na Leta akorera mu Karere;	Having reviewed Ministerial Instructions n° n^{o} 7014 of 16/09/2020 determining the duties and functioning of committees in charge of the management of public or subsidised health facilities operating in the District;	Revu les Instructions Ministérielles n° 7014 du 16/09/2020 déterminant les attributions et le fonctionnement des comités chargés de la gestion des formations sanitaires publiques ou subventionnées par l'État opérant au niveau de District;
ASHYIZEHO AMABWIRIZA AKURIKIRA:	**ISSUES THE FOLLOWING INSTRUCTIONS:**	**ÉMET LES INSTRUCTIONS SUIVANTES:**

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**
Ingingo ya mbere: Icyo aya amabwiriza agamije	**Article One: Purpose of these Instructions**	**Article premier: Objet des présentes instructions**
Aya mabwiriza agena inshingano n'imikorere bya komite zishinzwe imicungire y'ibigo by'ubuvuzi bya Leta cyangwa iby'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano.	These Instructions determine the duties and functioning of committees in charge of management of public or subsidised health facilities.	Les présentes instructions déterminent les attributions et le fonctionnement des comités chargés de la gestion des formations sanitaires publiques ou conventionnées.
Ingingo ya 2: Abarebwa n'aya mabwiriza	**Article 2: Scope of application**	**Article 2: Champ d'application**
Aya mabwiriza areba komite z'ibigo by'ubuvuzi zikurikira: 1° Komite y'Ibitaro Bikuru; 2° Komite y'Ibitaro by'Intara; 3° Komite y'Ibitaro by'Akarere; 4° Komite y'Ibitaro byihariye; 5° Komite y'Ikigo Nderabuzima gitanga serivisi zisumbuye ku rwego rwa Dogiteri; 6° Komite y'Ikigo Nderabuzima.	These Instructions apply to the following committees of health facilities: 1° Committee of a Referral Hospital; 2° Committee of a Provincial Hospital; 3° Committee of a District Hospital; 4° Committee of a Specialised Hospital; 5° Committee of a Medicalised Health Centre; 6° Committee of a Health Centre.	Les présentes instructions s'appliquent aux comités des formations sanitaires suivantes: 1° Comité d'un Hôpital de Référence; 2° Comité d'un Hôpital de Province; 3° Comité d'un Hôpital de District; 4° Comité d'un Hôpital Spécialisé; 5° Comité d'un Centre de Santé Médicalisé; 6° Comité d'un Centre de Santé.

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo	**Article 3: Definitions**	**Article 3: Définitions**
Muri aya mabwiriza, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:	In these Instructions, the following terms have the following meanings:	Dans les présentes instructions, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:
1° **Ibitaro Bikuru:** ni ikigo cy'ubuvuzi gitanga ubuvuzi bwisumbuye ku butangwa n'Ibitaro by'Intara nk'uko bigenwa na Minisiteri y'Ubuzima ukuyemo ibitaro bishyirwaho n'itegeko;	1° **Referral Hospital:** is a health facility that provides health services at a higher level than those of a Provincial Hospital determined by the Ministry of Health except the hospitals established by the law;	1° **Hôpital de Référence:** est une formation sanitaire qui fournit les services de santé d'un niveau supérieur à ceux d'un Hôpital de Province déterminés par le Ministère de la Santé à l'exception des hôpitaux mis en place par la loi;
2° **Ibitaro by'Intara:** ikigo cy'ubuvuzi cya Leta cyangwa icy'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano gitanga ubuvuzi bwisumbuye ku butangwa n'Ibitaro by'Akarere nk'uko bigenwa na Minisiteri y'Ubuzima.	2° **Provincial Hospital:** a public or subsidised health facility that provides health services of a higher level than those of a District Hospital as determined by the Ministry of Health;	2° **Hôpital de Province:** formation sanitaire publique ou conventionnée qui fournit les services de santé d'un niveau supérieur à ceux d'un Hôpital de District déterminés par le Ministère de la Santé;
3° **Ibitaro by'Akarere:** ikigo cy'ubuvuzi cya Leta cyangwa icy'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano gitanga ubuvuzi bwisumbuye nk'uko bigenwa na Minisiteri y'Ubuzima;	3° **District Hospital:** a public or subsidised health facility that provides high standard health services as determined by the Ministry of Health;	3° **Hôpital de District:** formation sanitaire publique ou conventionnée qui fournit les services de santé de haut niveau déterminés par le Ministère de la Santé;
4° **Ibitaro Byihariye:** ikigo cy'ubuvuzi cya Leta cyangwa icy'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano gitanga ubuvuzi bwihariye nk'uko bigenwa na Minisiteri y'Ubuzima;	4° **Specialised Hospital:** public or subsidised health facility that provides specialised health services as determined by the Ministry of Health;	4° **Hôpital Spécialisé:** formation sanitaire publique ou conventionnée qui fournit les services de santé spécialisés tel que déterminé par le Ministère de la Santé;

5° **Ikigo Nderabuzima gitanga serivisi zisumbuye ku rwego rwa Dogiteri:** ikigo cy'ubuvuzi cya Leta cyangwa icy'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano gitanga ubuvuzi bwisumbuye ku butangwa n'Ikigo Nderabuzima kandi gifite byibura Dogiteri uhoraho uhakorera;	5° **Medicalised Health Centre:** a public or subsidised health facility that provides health services of a higher standard than those of a Health Centre and which has at least one permanent medical doctor working there;	5° **Centre de Santé Médicalisé:** formation sanitaire publique ou conventionnée qui fournit les services de santé de haut niveau que ceux d'un Centre de Santé et qui a au moins un médecin permanent qui y travaille;
6° **Ikigo Nderabuzima:** ikigo cy'ubuvuzi cya Leta cyangwa icy'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano gitanga ibikorwa by'ubuvuzi by'ibanze harimo kwirinda indwara n'ibindi bikorwa by'ubuzima by'ibanze;	6° **Health Centre:** a public or subsidised health facility that provides basic health services including disease prevention and other basic health services;	6° **Centre de Santé:** formation sanitaire publique ou conventionnée qui fournit les services de santé de base y compris la prévention des maladies et d'autres services de santé de base;
7° **Ivuriro ry'Ibanze:** ikigo cy'ubuvuzi bw'ibanze cya Leta cyangwa icy'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano gitanga ibikorwa by'ubuvuzi byiganjemo kurinda no kuvura indwara zoroheje;	7° **Health Post:** a basic public or subsidised health facility that provides mainly health services for the prevention and treatment of minor diseases;	7° **Poste de Santé:** formation sanitaire de base publique ou conventionnée qui fournit surtout les services de santé pour la prévention et le traitement des maladies simples;
8° **komite:** urwego rushinzwe kureberera imikorere myiza y'ikigo cy'ubuvuzi;	8° **committee:** organ in charge of supervising the proper functioning of a health facility;	8° **comité:** organe chargé de superviser le bon fonctionnement d'une formation sanitaire;
9° **ifasi:** agace k'imiyoborere y'Igihugu ikigo cy'ubuvuzi giherereyemo.	9° **area:** administrative entity where a health facility is located.	9° **circonscription:** entité administrative où se trouve une formation sanitaire.

UMUTWE WA II: INSHINGANO, UBUBASHA N'IMIKORERE BYA KOMITE	**CHAPTER II: RESPONSIBILITIES, POWERS AND FUNCTIONING OF COMMITTEES**	**CHAPITRE II: ATTRIBUTIONS, POUVOIRS ET FONCTIONNEMENT DES COMITÉS**
Icyiciro cya mbere: Komite z'Ibitaro	**Section One: Hospital Committees**	**Section première: Comités des Hôpitaux**
Ingingo ya 4: Komite z'Ibitaro Bikuru, iby'Intara, iby'Uturere cyangwa Ibyihariye	**Article 4: Committees of Referral, Provincial, District or Specialised Hospitals**	**Article 4: Comités des Hôpitaux de Référence, de Provinces, de Districts ou Spécialisés**
Komite z'Ibitaro Bikuru, iby'Intara, iby'Uturere cyangwa Ibyihariye ni izi zikurikira: 1° Komite y'Ubuzima; 2° Komite Ncungamutungo.	Committees of Referral, Provincial, District or Specialised Hospitals are the following: 1° Health Committee; 2° Management Committee.	Les Comités des Hôpitaux de Référence, de Provinces, de Districts ou Spécialisés sont les suivants: 1° Comité de Santé; 2° Comité de Gestion.
Ingingo ya 5: Inshingano n'ububasha bya Komite y'Ubuzima y'Ibitaro Bikuru, iby'Intara, iby'Uturere cyangwa Ibyihariye	**Article 5: Responsibilities and powers of Health Committee of a Referral, Provincial, District or Specialised Hospitals**	**Article 5: Attributions et pouvoirs du Comité de Santé d'un Hôpital de Référence, de Provinces, de Districts ou Spécialisés**
Komite y'Ubuzima ni rwo rwego rukuru mu igenzura, ikurikirana n'isuzuma ry'ibikorwa by'ibitaro, imiyoborere yabyo kimwe n'uko umutungo ucunzwe. By'umwihariko, ifite inshingano n'ububasha bikurikira: 1° kwemeza igenamigambi ry'igihe kirekire na gahunda y'ibikorwa	The Health Committee is the supreme body for auditing, monitoring and evaluating a hospital's activities, administration and financial management. In particular, it has the following responsibilities and powers: 1° to approve the strategic plan and annual	Le Comité de Santé est l'organe suprême d'audit, de suivi et d'évaluation des activités d'un hôpital, de son administration et de sa gestion financière. Il a en particulier les attributions et les pouvoirs suivants: 1° approuver le plan stratégique et le plan

by'umwaka by'ibitaro;	action plan of the hospital;	d'action annuel de l'hôpital;
2° gusuzuma no kwemeza raporo y'ishyirwa mu myanya y'imirimo, isezererwa n'ibihano byahawe abakozi bavura, abo mu buyobozi n'abandi bakozi bo mu bitaro hakurikijwe amategeko n'amabwiriza ariho;	2° to consider and approve the report on the recruitment, dismissal and sanctioning of medical and administrative staff and other employees of the hospital in accordance with laws and regulations in force;	2° examiner et approuver le rapport de recrutement, de révocation et de sanction du personnel médical et administratif et d'autres employés de l'hôpital conformément aux lois et règlements en vigueur;
3° gutanga imirongo ngenderwaho n'icyerekezo by'ibitaro;	3° to provide hospital's guidelines and vision;	3° donner les lignes directrices et la vision de l'hôpital;
4° kwemeza ingengo y'imari y'umwaka y'ibitaro;	4° to approve the annual budget of the hospital;	4° approuver le budget annuel de l'hôpital;
5° gusuzuma no kwemeza raporo y'ikoreshwa ry'ingengo y'imari y'ibitaro;	5° to evaluate and approve the hospital's budget execution report;	5° évaluer et approuver le rapport d'exécution du budget de l'hôpital;
6° gukurikirana isuzumamikorere ry'abakozi;	6° to follow up on the performance evaluation of employees;	6° faire le suivi de l'évaluation des performances des employés;
7° gukora isuzumamikorere ry'Umuyobozi Mukuru w'Ibitaro;	7° to carry out the performance evaluation of the Director General of the hospital;	7° effectuer l'évaluation des performances du Directeur Général de l'hôpital;
8° kwemeza agahimbazamusyi kagenewe abakozi hashingiwe ku mabwiriza ya Minisiteri y'Ubuzima;	8° to approve the incentives granted to employees according to the guidelines of the Ministry of Health;	8° approuver les avantages accordés aux employés selon les directives du Ministère de la Santé;
9° kwemeza urutonde rw'imyanya y'imirimo ishakirwa abakozi	9° to approve the list of vacant job positions;	9° approuver la liste des postes d'emploi vacants;

10° gukemura ibibazo byose bitabashije gukemurwa n'ubuyobozi na komite ncungamutungo;	10° to resolve all problems that could not be resolved by the Senior Management and management committee;	10° régler tous les problèmes qui n'ont pas pu être résolus par la direction et le comité de gestion;
11° gusuzuma no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyifuzonama bya raporo z'ubugenzuzi;	11° to consider and follow up the implementation of the recommendations of the audit report;	11° examiner et faire le suivi de la mise en œuvre des recommandations du rapport d'audit;
12° gukurikirana imiterere y'ibipimo by'ubuzima hashingiwe ku mirongo ngenderwaho ya Minisiteri y'Ubuzima no gushyiraho ingamba iyo bibaye ngombwa.	12° to monitor the situation of health indicators on the basis of guidelines of the Ministry of Health and set up strategies where necessary.	12° faire le suivi de la situation des indicateurs de santé sur base des lignes directrices du Ministère de la Santé et mettre en place les stratégies si nécessaire.
<u>Ingingo ya 6</u>: Abagize Komite y'Ubuzima	**<u>Article 6</u>: Health Committee members**	**<u>Article 6</u>: Membres du Comité de Santé**
Abagize Komite y'Ubuzima ni aba bakurikira:	Members of a Health Committee are the following:	Les membres du Comité de Santé sont les suivants:
6.1. Ibitaro bya Leta	**6.1. Public Hospital**	**6.1. Hôpital Public**
a. **Ibitaro Bikuru**	**a. Referral Hospital**	**a. Hôpital de Référence**
Abagize Komite y'Ubuzima y'Ibitaro Bikuru ni aba bakurikira:	Members of the Health Committee of a Referral Hospital are the following:	Les membres du Comité de Santé d'un Hôpital de Référence sont les suivants:
1° uhagarariye Intara;	1° a representative of the Province;	1° un représentant de la Province;
2° uhagarariye Minisiteri y'Ubuzima;	2° a representative of the Ministry of Health;	2° un représentant du Ministère de la Santé;

3° uhagarariye Inama Njyanama y'ifasi ibitaro biherereyemo;	3° a representative of the Council of the area where the hospital is located;	3° un représentant du Conseil de la circonscription où se trouve l'hôpital;
4° uhagarariye ubuyobozi bw'Akarere ibitaro biherereyemo;	4° a representative of the District authorities where the hospital is located;	4° un représentant de l'autorité de District où se trouve l'hôpital;
5° uhagarariye sosiyete sivile mu Karere ibitaro biherereyemo utorwa na begenzi be;	5° a representative of civil society in the District where the hospital is located elected by his or her peers;	5° un représentant de la société civile dans le District où se trouve l'hôpital élu par ses pairs;
6° uhagarariye Urugaga rw'Abikorera mu Karere ibitaro biherereyemo utorwa na begenzi be;	6° a representative of the Private Sector Federation of the District where the hospital is located elected by his or her peers;	6° un représentant de la Fédération du Secteur Privé du District où opère l'hôpital élu par ses pairs;
7° umwe mu Bayobozi Bakuru b'Ibitaro by'Intara;	7° one of the Director General of a Provincial Hospital;	7° un des Directeurs Généraux d'un Hôpital de Province;
8° umwe mu Bayobozi Bakuru b'Ibitaro by'Akarere biri mu ifasi ibitaro biherereyemo utorwa na bagenzi be;	8° one of the Director General of a District Hospital of the area where the hospital is located elected by his or her peers;	8° un des Directeurs Généraux d'un Hôpital de District du lieu où se trouve cet hôpital élu par ses pairs;
9° uhagarariye ibigo by'ubuvizi byigenga biri mu ifasi ibitaro biherereyemo utorwa na bagenzi be.	9° a representative of private health facilities of the area where the hospital is located elected by his or her peers.	9° un représentant des formations sanitaires privées du lieu où se trouve cet hôpital élu par ses pairs.
b. Ibitaro by'Intara	**b. Provincial Hospital**	**b. Hôpital de Province**
Abagize Komite y'Ubuzima y'Ibitaro	Members of the Health Committee of a	Les membres du Comité de Santé d'un Hôpital

by'Intara ni aba bakurikira:	Provincial Hospital are the following:	de Province sont les suivants:
1° uhagarariye Intara;	1° a representative of the Province;	1° un représentant de la Province;
2° uhagarariye Minisiteri y'Ubuzima;	2° a representative of the Ministry of Health;	2° un représentant du Ministère de la Santé;
3° uhagarariye Inama Njyanama y'ifasi ibitaro biherereyemo;	3° a representative of the Council of the area where the hospital is located;	3° un représentant du Conseil de la circonscription où se trouve l'hôpital;
4° uhagarariye ubuyobozi bw'Akarere ibitaro biherereyemo;	4° a representative of the District where the hospital is located;	4° un représentant du District où se trouve l'hôpital;
5° uhagarariye sosiyete sivile mu Karere ibitaro biherereyemo utorwa na bagenzi be;	5° a representative of civil society in the District where the hospital is located elected by his or her peers;	5° un représentant de la société dans le District où se trouve l'hôpital élu par ses pairs;
6° uhagarariye Urugaga rw'Abikorera mu Ntara ibitaro biherereyemo utorwa na bagenzi be;	6° a representative of the Private Sector Federation of the Province where the hospital is located elected by his or her peers;	6° un représentant de la Fédération du Secteur Privé de la Province où se trouve l'hôpital élu par ses pairs;
7° umwe mu bayobozi b'Ibitaro by'Uturere bikorana n'ibyo bitaro utorwa na bagenzi be.	7° one of the Directors of District Hospitals that collaborate with that hospital who is elected by his or her peers.	7° un des Directeurs des Hôpitaux de District qui collaborent avec cet hôpital qui est élu par ses pairs.

c. Ibitaro by'Akarere cyangwa Ibitaro Byihariye Abagize Komite y'Ubuzima y'Ibitaro by'Akarere cyangwa y'Ibitaro Byihariye ni aba bakurikira: 1° uhagarariye Inama Njyanama y'ifasi ibitaro biherereyemo; 2° uhagarariye Minisiteri y'Ubuzima; 3° uhagarariye ubuyobozi bw'Akarere ibitaro biherereyemo; 4° uhagarariye sosiyete sivile mu Karere ibitaro biherereyemo utorwa na bagenzi be; 5° uhagarariye Urugaga rw'Abikorera mu Karere ibitaro biherereyemo utorwa na bagenzi be; 6° umwe mu bayobozi b'Ibigo Nderabuzima bikorera mu Karere ibitaro biherereyemo utorwa na bagenzi be; 7° uhagarararariye abajyanama b'ubuzima mu Karere ibitaro biherereyemo utorwa na bagenzi be.	**c. District Hospital or Specialised Hospital** Members of the Health Committee of a District or Specialised Hospital are the following: 1° a representative of the Council of the area where the hospital is located; 2° a representative of the Ministry of Health; 3° a representative of the District authorities where the hospital is located; 4° a representative of civil society in the District where the hospital is located elected by his or her peers; 5° a representative of the Private Sector Federation in the District where the hospital is located elected by his or her peers; 6° one of the Heads of Health Centres operating in the District where the hospital is located elected by his or her peers; 7° a representative of community health workers in the District where the hospital elected by his or her peers.	**c. Hôpital de District ou Hôpital Spécialisé** Les membres du Comité de Santé d'un Hôpital de District ou d'un Hôpital Spécialisé sont les suivants: 1° un représentant du Conseil de la circonscription où se trouve l'Hôpital; 2° un représentant du Ministère de la Santé; 3° un représentant de l'autorité de District où se trouve l'hôpital; 4° un représentant de la societe civile dans le District où se trouve l'hôpital élu par ses pairs; 5° un représentant de la Fédération du Secteur Privé dans le District où se trouve l'hôpital élu par ses pairs; 6° un des titulaires des Centres de Santé opérant dans le District où se trouve l'hôpital élu par ses pairs; 7° un représentant des agents de santé communautaires dans le District où se trouve l'hôpital élu par ses pairs.

6.2.Ibitaro by'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano	**6.2. Subsidised Hospitals**	**6.2. Hôpitaux Conventionnés**
Abagize Komite y'Ubuzima y'Ibitaro by'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano ni aba bakurikira:	Members of the Health Committee of a Subsidised Hospitals are the following:	Les membres du Comité de Santé des Hôpitaux Conventionnés sont les suivants:
1° uhagarariye Inama Njyanama y'ifasi ibitaro biherereyemo;	1° a representative of the District Council of the area where the hospital is located;	1° un représentant du Conseil de la circonscription où se trouve l'hôpital;
2° uhagarariye Minisiteri y'Ubuzima;	2° a representative of the Ministry of Health;	2° un représentant du Ministère de la Santé;
3° abantu batatu (3) bahagarariye nyir'ikigo cy'ubuvuzi;	3° three (3) persons representing the owner of a health facility;	3° trois (3) personnes représentant le propriétaire d'une formation sanitaire;
4° uhagarariye ubuyobozi bw'Akarere ibitaro biherereyemo;	4° a representative of the District authorities of the area where the hospital is located;	4° un représentant de l'autorité de District de la circonscription où se trouve l'hôpital;
5° uhagarariye Urugaga rw'Abikorera mu Karere ibitaro biherereyemo utorwa na bagenzi be;	5° a representative of the Private Sector Federation in the District where the hospital is located elected by his or her peers;	5° un représentant de la Fédération du Secteur Privé dans le District où se trouve l'hôpital élu par ses pairs;
6° umwe mu bayobozi b'Ibigo Nderabuzima bikorera mu Karere ibitaro biherereyemo utorwa na bagenzi be;	6° one of the Heads of Health Centres operating in the District where the hospital is located elected by his or her peers;	6° un des titulaires des Centres de Santé opérant dans le District où se trouve l'hôpital élu par ses pairs;
7° uhagarariye abajyanama b'ubuzima mu Karere ibitaro biherereyemo utorwa na bagenzi be.	7° a representative of community health workers in the District where the hospital is located elected by his or her peers.	7° un représentant des agents de santé communautaires dans le District où se trouve l'hôpital élu par ses pairs.

<u>Ingingo ya 7</u>: Umwanditsi wa Komite y'Ubuzima Umuyobozi Mukuru w'ibitaro aza mu nama za Komite y'Ubuzima y'ibitaro ayobora, akayibera umwanditsi ariko ntatora. Iyo agize impamvu imubuza kwitabira inama abagize Komite bitoramo umwanditsi.	**<u>Article 7</u>: Rapporteur of the Health Committee** The Director General of a hospital attends meetings of the Health Committee of the hospital which he or she leads and serves as rapporteur but he or she does not vote. In case of his or her absence, the committee members elect among them the rapporteur.	**<u>Article 7</u>: Rapporteur du Comité de Santé** Le Directeur Général d'un hôpital participe aux réunions du Comité de Santé de l'hôpital qu'il dirige et sert de rapporteur mais il ne vote pas. En cas de son absence, les membres du comité élisent parmi eux un rapporteur.
<u>Ingingo ya 8</u>: Uko abagize Komite y'Ubuzima batoranywa Abagize Komite y'Ubuzima batoranywa hakurikijwe ubunyangamugayo bwabo no kuba bashoboye gutanga ibitekerezo byateza imbere ibitaro, bakemezwa n'Inama Njyanama y'ifasi ibitaro bihereyemo. Bagomba kuba bafite byibura impamyabushobozi yo mu cyiciro cya kaminuza (A0), kandi batatu (3) muri bo bagomba kuba bafite ubumenyi mu micungire y'imari, umwe (1) muri bo agomba kuba afite ubumenyi mu bugenzuzi bw'imari n'umwe (1) muri bo ugomba kuba afite ubumenyi mu by'amategeko. Uhagarariye abajyanama b'ubuzima ashobora kuba adafite A0 iyo nta n'umwe muri bo ufite iyo mpamyabumenyi.	**<u>Article 8</u>: Modalities of selecting members of the Health Committee** Members of the Health Committee are chosen on the basis of their integrity and ability to give opinions that can contribute to the development of the hospital and are approved by the Council of the area where the hospital is located. They must hold at least a Bachelor's degree (A0) and three (3) of them must have knowledge of financial management, one (1) of them must have knowledge of financial auditing and one (1) of them must have knowledge of law. The representative of community health workers may not have a Bachelor's degree (A0) if none them has this degree.	**<u>Article 8</u>: Modalités de sélection des membres du Comité de Santé** Les membres du Comité de Santé sont choisis sur base de leur intégrité et de leur capacité de donner les avis qui peuvent contribuer au développement de l'hôpital et ils sont approuvés par le Conseil de la circonscription où se trouve l'hôpital. Ils doivent être titulaires d'au moins un diplôme de licence (A0) et trois (3) d'entre eux doivent avoir les connaissances en gestion financière, un (1) d'entre eux doit avoir les connaissances en audit financier et un (1) d'entre eux doit avoir les connaissances en droit. Le représentant des agents de santé communautaires peut ne pas avoir un diplôme de licence (A0) si aucun d'eux ne possède ce diplôme.

<u>Ingingo ya 9</u>: Biro ya Komite y'Ubuzima y'ibitaro bya Leta	**<u>Article 9</u>: Bureau of the Health Committee of a public hospital**	**<u>Article 9</u>: Bureau du Comité de Santé d'un hôpital public**
Komite y'Ubuzima y'ibitaro bya Leta igira biro igizwe na Perezida, Visi Perezida n'Umwanditsi.	A public hospital Health Committee has a bureau composed of Chairperson, Deputy Chairperson and rapporteur.	Le Comité de Santé d'un hôpital public a un bureau composé du Président, du Vice-Président et du rapporteur.
Perezida wa Komite y'Ubuzima y'Ibitaro Bikuru cyangwa iby'Intara ashyirwaho n'ubuyobozi bw'Intara cyangwa Umujyi wa Kigali naho Perezida w'Ibitaro by'Akarere agashyirwaho n'Inama Njyanama y'Akarere. Visi Perezida atorwa na bagenzi be mu bagize Komite.	The Chairperson of the Health Committee of a Referral or Provincial Hospital is appointed by the authorities of the Province or the City of Kigali while the Chairperson of the District Hospital is appointed by the District Council. The Deputy Chairperson is elected by his or her peer members of the Committee.	Le Président du Comité de Santé d'un Hôpital de Référence ou de Province est nommé par les autorités de la Province ou de la Ville de Kigali alors que le Président du Comité de Santé d'un Hôpital de District est nommé par le Conseil de District. Le Vice-Président est élu par ses pairs membres du Comité.
<u>Ingingo ya 10</u>: Biro ya Komite y'Ubuzima y'ibitaro by'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano	**<u>Article 10</u>: Bureau of Health Committee of a subsidised hospital**	**<u>Article 10</u>: Bureau du Comité de Santé d'un hôpital conventionné**
Komite y'Ubuzima y'ibitaro by'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano igira biro igizwe na Perezida wayo ushyirwaho na nyir'ikigo cy'ubuvuzi, Visi Perezida utorwa na bagenzi be mu bagize Komite. Umuyobozi w'ibitaro ni we mwanditsi wa Komite.	The Health Committee of a subsidised hospital has a bureau composed of its Chairperson appointed by the owner of the health facility, the Deputy Chairperson elected by his or her peer members of the Committee and its rapporteur who is the Director of the hospital.	Le Comité de Santé d'un hôpital conventionné a un bureau composé de son Président désigné par le propriétaire de la formation sanitaire, du Vice-Président élu par ses pairs membres du Comité et de son rapporteur qui est le Directeur de l'hôpital.
Nyir'ikigo cy'ubuvuzi ashyikiriza mu nyandiko Inama Njyanama, agaha kopi Minisiteri y'Ubuzima amazina y'abazamuhagararira muri Komite y'Ubuzima kandi akagaragaza Perezida wa Komite.	The owner of the health facility submits in writing to the Council, provides a copy to the Ministry of Health, the names of his or her representatives in the Health Committee and specifies the Chairperson of the Committee.	Le propriétaire de la formation sanitaire soumet par écrit au Conseil, donne copie au Ministère de la Santé, les noms de ses représentants dans le Comité de Santé et précise le Président du Comité.

Abandi bagize Komite basigaye bashyirwaho n'Inama Njyanama.	The remaining members of the Committee are appointed by the Council.	Les membres restants du Comité sont désignés par le Conseil.
Ingingo ya 11: Igihe inama za Komite y'Ubuzima y'ibitaro zibera	**Article 11: Frequency of hospital Health Committee meetings**	**Article 11: Fréquence des réunions du Comité de Santé d'un hôpital**
Inama ya Komite y'Ubuzima y'ibitaro iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa mu nama idasanzwe.	Hospital Health Committee meetings are held quarterly and whenever necessary in an extraordinary meeting.	Les réunions du Comité de Santé d'un hôpital se tiennent par trimestre et chaque fois que besoin en réunion extraordinaire.
Inama zidasanzwe ntizigomba kurenga inshuro imwe (1) mu gihembwe.	Extraordinary meetings must not be held more than once (1) per quarter.	Les réunions extraordinaires ne doivent pas se tenir plus d'une (1) fois par trimestre.
Ingingo ya 12: Itumizwa n'iterana ry'inama ya Komite y'Ubuzima y'ibitaro	**Article 12: Convening and holding of the hospital Health Committee meeting**	**Article 12: Convocation et tenue de la réunion du Comité de Santé d'un hôpital**
Gutumiza inama ya Komite y'Ubuzima y'ibitaro bikorwa na Perezida mu gihe cy'iminsi itanu (5) y'akazi mbere y'uko inama iterana cyangwa Visi Perezida iyo Perezida adahari.	The meeting of a hospital Health Committee is convened by the Chairperson within five (5) working days before the meeting is held or by the Deputy Chairperson in the absence of the Chairperson.	La réunion du Comité de Santé d'un hôpital est convoquée par le Président endéans cinq (5) jours ouvrables avant la tenue de la réunion ou par le Vice-Président en cas d'absence du Président.
Inama ya Komite y'Ubuzima iterana iyo yitabiriwe na bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize.	The Health Committee meeting is held when two-thirds (2/3) of its members are present.	La réunion du Comité de Santé est tenue lorsque les deux tiers (2/3) de ses membres sont présents.
Ingingo ya 13: Ifatwa ry'ibyemezo bya Komite y'Ubuzima y'ibitaro	**Article 13: Decision-making of the hospital Health Committee**	**Article 13: Prise de décisions du Comité de Santé d'un hôpital**
Ibyemezo bya Komite y'Ubuzima bifatwa ku bwiganze bw'abayigize bitabiriye inama. Mu gihe abatoye icyemezo bangana n'abatagitoye,	Decisions of a hospital Health Committee are made by the majority of the members present at the meeting. In the event of an equal number	Les décisions du Comité de Santé d'un hôpital sont prises à la majorité des membres présents à la réunion. En cas de parité de voix pour et

ijwi rya Perezida wa Komite rimara impaka.	of votes for and against a decision, the Chairperson of the Committee has the casting vote.	contre une décision, le Président du Comité a la voix prépondérante.
<u>Ingingo ya 14</u>: Ibyemezo by'inama za Komite y'Ubuzima y'ibitaro	**<u>Article 14</u>: Decisions from meetings of the hospital Health Committee**	**<u>Article 14</u>: Décisions des réunions du Comité de Santé d'un hôpital**
Ibyemezo by'inama za Komite y'Ubuzima y'Ibitaro Bikuru cyangwa iby'Intara bishyikirizwa mu nyandiko ubuyobozi bw'Intara cyangwa Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali.	Decisions of the meetings of the Referral or Provincial Hospital Health Committee are submitted in writing to the authorities of the Province or the Council of the City of Kigali.	Les décisions des réunions du Comité de Santé d'un Hôpital de Référence ou de Province sont transmises par écrit aux autorités de la Province ou du Conseil de la Ville de Kigali.
Ibyemezo by'inama za Komite y'Ubuzima y'Ibitaro by'Akarere bishyikirizwa mu nyandiko Inama Njyanama y'Akarere cyangwa Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali.	The decisions of the meetings of the District Hospital Health Committee are submitted in writing to the District Council or Council of the City of Kigali.	Les décisions des réunions du Comité de Santé d'un Hôpital de District sont transmises par écrit au Conseil de District ou de la Ville de Kigali.
Ibyemezo by'inama za Komite y'Ubuzima bitangwa mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi uhereye umunsi inama yabereye kugira ngo bagire icyo babivugaho. Iyo nta cyo babivuzeho mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi uhereye umunsi byakiriweho, ibyemezo bishyirwa mu bikorwa.	The decisions of meetings of Health Committees are submitted within five (5) working days from the date of the meeting in order to give their opinions. In case they do not give their opinions within fifteen (15) working days from the date of receipt, the decisions are implemented.	Les décisions des réunions du Comité de Santé sont transmises endéans cinq (5) jours ouvrables à partir du jour de la tenue de la réunion pour qu'ils donnent leurs avis. À défaut de leurs avis endéans quinze (15) jours ouvrables à partir de leur réception, les décisions sont mises en exécution.
Kopi y'ibi byemezo ishyikirizwa Minisitiri ufite ubuzima mu shingano. Minisitiri afite ububasha bwo guhagarika by'agateganyo ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo binyuranye n'amabwiriza agenga serivisi z'ubuvuzi mu	A copy of these decisions is submitted to the Minister in charge of health. The Minister has the power to suspend the implementation of decisions that are contrary to the instructions governing health services in Rwanda or other	Une copie de ces décisions est soumise au Ministre ayant la santé dans ses attributions. Le Ministre a le pouvoir de suspendre la mise en exécution des décisions contraires aux instructions régissant les services de santé au

Rwanda cyangwa n'andi mategeko ariho.	laws in force.	Rwanda ou à d'autres lois en vigueur.
Ingingo ya 15: Isuzuma ry'imikorere ya Komite y'Ubuzima	**Article 15: Evaluation of the functioning of the Health Committee**	**Article 15: Évaluation du fonctionnement du Comité de Santé**
Imikorere ya Komite y'Ubuzima y'ibitaro isuzumwa n'ubuyobozi bwayishyizeho. Isuzuma rikorwa hagendewe ku mirongo ngenderwaho ya Minisiteri y'Ubuzima, isuzumwa rishyikirizwa Intara, Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere, rikaba rikorwa inshuro imwe (1) mu mwaka cyangwa bibaye ngombwa.	The functioning of the hospital Health Committee is evaluated by the appointing authority. The evaluation is done on the basis the evaluation is submitted to the Province, the City of Kigali or the District and it is done once (1) a year or when necessary.	Le fonctionnement du Comité de Santé d'un hôpital est évalué par l'autorité de nomination. L'évaluation se fait sur base des lignes directrices du Ministère de la Santé, l'évaluation est soumise à la Province, à la Ville de Kigali ou au District et elle se fait une (1) fois par an ou en cas de nécessité.
Ikiciro cya 2: Komite Ncungamutungo y'ibitaro	**Section 2: Hospital Management Committee**	**Section 2: Comité de Gestion de l'hôpital**
Ingingo ya 16: Inshingano n'ububasha bya Komite Ncungamutungo y'ibitaro	**Article 16: Responsibilities and powers of the hospital Management Committee**	**Article 16: Attributions et pouvoirs du Comité de Gestion de l'hôpital**
Buri Bitaro Bikuru, iby'Intara, Ibyihariye cyangwa iby'Akarere bigira Komite Ncungamutungo ifite inshingano n'ububasha bikurikira:	Each Referral, Provincial, Specialised or District Hospital has a Management Committee which has the following powers and responsibilities:	Chaque Hôpital de Référence, de Province Spécialisé ou de District a un Comité de Gestion qui a les attributions et les pouvoirs suivants:
1° gukurikirana buri kwezi uko amafaranga yakoreshejwe n'uko amakonti y'ibitaro ahagaze;	1° to make monthly follow-up of the expenses and the accounts status of the hospital;	1° faire le suivi mensuel des dépenses et de l'état des comptes de l'hôpital;
2° gushyikiriza Komite y'Ubuzima amadosiye arebana no gushyira abakozi mu myanya y'imirimo,	2° to submit to the Health Committee the files relating to recruitment, dismissal and sanctions of employees in	2° soumettre au Comité de Santé les dossiers relatifs au recrutement, à la révocation et aux sanctions des

abasezerera kimwe n'ibihano byahawe abakozi hashingiwe ku mategeko ariho;	accordance with the laws in force;	employés conformément aux lois en vigueur;
3° gusuzuma no kwemeza raporo na gahunda y'ibikorwa by'umwaka mbere y'uko bishyikirizwa Komite y'Ubuzima;	3° to review and approve the annual report and action plan before they are sent to the Health Committee;	3° examiner et approuver le rapport et le plan d'action annuels avant qu'ils soient transmis au Comité de Santé;
4° gutegura no gushyikiriza Komite y'Ubuzima urutonde rw'imyanya y'imirimo ishakirwa abakozi;	4° to prepare and submit the list of vacant job positions to the Health Committee;	4° préparer et soumettre la liste des postes d'emploi vacants au Comité de Santé;
5° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi hakurikijwe amategeko n'amabwiriza agenga imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi;	5° to monitor the implementation of salaries and other benefits allocated to staff in accordance with laws and regulations governing salaries and benefits;	5° faire le suivi de la mise en œuvre des salaires et d'autres avantages alloués au personnel conformément aux lois et règlements régissant les salaires et les avantages;
6° gukurikirana mu buryo buhoraho imikorere y'ikigo cy'ubuvuzi.	6° to regularly monitor the functioning of a health facility.	6° faire le suivi régulier du fonctionnement d'une formation sanitaire.
Kugira ngo irangize inshingano zayo, Komite Ncungamutungo y'Ibitaro Bikuru, iby'Intara, Ibyihariye cyangwa iby'Akarere ishyiraho komite zihariye za ngombwa harimo n'Akanama k'amasoko y'ibitaro gashyirwaho hakurikijwe amategeko agenga amasoko ya Leta.	In order to carry out its responsibilities, the Referral, Provincial, Specialised or District Hospital Management Committee sets up necessary special committees including the Hospital Procurement Committee established in accordance with the laws governing public procurement.	Afin de s'acquitter de ses attributions, le Comité de Gestion de l'Hôpital de de Référence, de Province Spécialisé ou de District met en place les comités spéciaux nécessaires y compris le Comité de passation des marchés de l'hôpital mis en place conformément aux lois régissant les marchés publics.

Ingingo ya 17: Abagize Komite Ncungamutungo y'ibitaro	**Article 17: Members of the hospital Management Committee**	**Article 17: Membres du Comité de Gestion de l'hôpital**
Abagize Komite Ncungamutungo y'ibitaro ni aba bakurikira: 1° Umuyobozi Mukuru w'ibitaro akaba na Perezida wayo; 2° Umuyobozi wa *unit* ishinzwe ibikorwa by'ubuvuzi n'ibyunganira ubuvuzi, Visi Perezida; 3° Abayobozi b'izindi *units* bitoramo umwanditsi; 4° umukozi uhagarariye abakora imirimo ishamikiye ku buvuzi utorwa na bagenzi be; 5° umukozi uhagarariye abakozi batavura utorwa na bagenzi be.	Members of the hospital Management Committee are the following: 1° the Director General of the hospital who is the Chairperson; 2° the Director of medical and allied health sciences services unit, the Deputy Chairperson; 3° the Directors of other units who elect among them a secretary; 4° an officer representing the allied health professionals elected by his or her peers; 5° an officer representing the non-medical staff elected by his or her peers.	Les membres du Comité de Gestion de l'hôpital sont les suivants: 1° le Directeur Général de l'hôpital qui en est le Président; 2° le Directeur de l'unité des services médicaux et paramédicaux, le Vice-Président; 3° les Directeurs des autres unités qui élisent parmi eux un secrétaire; 4° un agent représentant les professionnels paramédicaux élu par ses pairs; 5° un agent représentant le personnel non médical élu par ses pairs.
Ingingo ya 18: Guterana kwa Komite Ncungamutungo y'ibitaro	**Article 18: Meeting of the hospital Management Committee**	**Article 18: Réunion du Comité de Gestion de l'hôpital**
Komite Ncungamutungo y'ibitaro iterana inshuro imwe (1) mu kwezi mu buryo buhoraho n'igihe cyose bibaye ngombwa. Komite Ncungamutungo y'ibitaro itumizwa	The hospital Management Committee meets regularly once (1) per month and whenever necessary. The hospital Management Committee is	Le Comité de Gestion de l'hôpital se réunit régulièrement une (1) fois par mois et chaque fois que de besoin. Le Comité de Gestion de l'hôpital est convoqué

na Perezida wayo mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi mbere y'uko inama iterana. Mu gihe adahari, itumizwa na Visi Perezida.	convened by its Chairperson within five (5) working days before the meeting is held. In the event of his or her absence, it is convened by the Deputy Chairperson.	par son Président endéans cinq (5) jours ouvrables avant la tenue de la réunion. En cas d'absence, il est convoqué par le Vice-Président.
Inama ya Komite Ncungamutungo iterana iyo yitabiriwe na bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize.	The Management Committee meeting is held when two-thirds (2/3) of its members are present.	La réunion du Comité de Gestion est tenue lorsque les deux tiers (2/3) de ses membres sont présents.
Icyiciro cya 3: Komite z'Ikigo Nderabuzima cyangwa Ikigo Nderabuzima gitanga serivisi zisumbuye ku rwego rwa Dogiteri	**Section 3: Committees of a Health Centre or Medicalised Health Centre**	**Section 3: Comités d'un Centre de Santé ou d'un Centre de Santé Médicalisé**
Ingingo ya 19: Komite z'Ikigo Nderabuzima	**Article 19: Committees of a Health Centre**	**Article 19: Comités d'un Centre de Santé**
Komite z'Ikigo Nderabuzima ni izi zikurikira: 1° Komite y'Ubuzima; 2° Komite Ncungamutungo.	Committees of a Health Centre are the following: 1° Health Committee; 2° Management Committee.	Les Comités d'un Centre de Santé sont les suivants: 1° Comité de Santé; 2° Comité de Gestion.
Ingingo ya 20: Inshingano n'ububasha bya Komite y'Ubuzima	**Article 20: Responsibilities and powers of the Health Committee**	**Article 20: Attributions et pouvoirs du Comité de Santé**
Komite y'Ubuzima y'Ikigo Nderabuzima gitanga serivisi zisumbuye ku rwego rwa Dogiteri cyangwa iy'Ikigo Nderabuzima ni urwego rukurikirana ibikorwa, imiyoborere n'imicungire y'umutungo by'Ikigo Nderabuzima.	The Health Committee of a Medicalised Health Centre or Health Centre is the organ that monitors the Health Centre activities, its administration and its financial management.	Le Comité de Santé d'un Centre de Santé Médicalisé ou d'un Centre de Santé est l'organe qui fait le suivi des activités, de l'administration et de la gestion financière d'un Centre de Santé.

By'umwihariko, inshingano n'ububasha bya Komite y'Ubuzima y'Ikigo Nderabuzima gitanga serivisi zisumbuye ku rwego rwa Dogiteri cyangwa iy'Ikigo Nderabuzima ni ibi bikurikira:	In particular, the responsibilities and powers of a Medicalised Health Centre or Health Centre's Health Committee are the following:	En particulier, les attributions et les pouvoirs du Comité de Santé d'un Centre de Santé Médicalisé ou d'un Centre de Santé sont les suivants:
1° kwemeza igenamigambi ry'igihe kirekire na gahunda y'ibikorwa y'umwaka by'Ikigo Nderabuzima;	1° to approve the strategic plan and the annual action plan of the Health Centre;	1° approuver le plan stratégique et le plan d'action annuel du Centre de Santé;
2° gusuzuma no kwemeza raporo yo gushyira abakozi mu myanya y'imirimo, isezererwa n'ibihano byahawe abakozi bavura, abo mu buyobozi n'abandi bakozi bo mu Kigo Nderabuzima hakurikijwe amategeko n'amabwiriza ariho;	2° to review and approve the report on the recruitment, dismissal and sanctioning of medical and administrative staff and other employees of the Health Centre in accordance with laws and regulations in force;	2° examiner et approuver le rapport de recrutement, de révocation et de sanction du personnel médical et administratif et d'autres employés du Centre de Santé conformément aux lois et règlements en vigueur;
3° gutanga imirongo ngenderwaho n'icyerekezo by'Ikigo Nderabuzima;	3° to provide the Health Centre's guidelines and vision;	3° donner les lignes directrices et la vision du Centre de Santé;
4° kwemeza ingengo y'imari y'umwaka y'Ikigo Nderabuzima;	4° to approve the annual budget of the Health Centre;	4° approuver le budget annuel du Centre de Santé;
5° gusuzuma no kwemeza raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'Ikigo Nderabuzima;	5° to evaluate and approve the budget execution report of the Health Centre;	5° évaluer et approuver le rapport d'exécution du budget du Centre de Santé;
6° gukurikirana isuzumamikorere ry'abakozi;	6° to follow up the performance evaluation of the staff;	6° faire le suivi de l'évaluation des performances du personnel;
7° kwemeza uduhimbazamusyi duhabwa	7° to approve the benefits granted to	7° approuver les avantages accordés aux

abakozi hakurikijwe amategeko abigenga;	employees in accordance with relevant laws;	employés conformément à la législation en la matière;
8° kwemeza urutonde rw'imyanya y'imirimo ishakirwa abakozi;	8° to approve the list of vacant job positions;	8° approuver la liste des postes d'emploi vacants;
9° gukemura ibibazo byose bitabashije gukemurwa n'ubuyobozi bukuru na Komite Ncungamutungo;	9° to resolve all problems that could not be settled by the Senior Management and the Management Committee;	9° régler tous les problèmes qui n'ont pas pu être résolus par l'administration supérieure et le Comité de Gestion;
10° gusuzuma no kwemeza raporo y'igihembwe y'ibikorwa by'ubuvuzi;	10° to review and approve the quarterly health activity report;	10° examiner et approuver le rapport trimestriel des activités sanitaires;
11° gukurikirana imikorere y'amavuriro y'ibanze ari mu ifasi y'Ikigo Nderabuzima.	11° to follow up the functioning of the health posts that are within the area of the Health Centre.	11° faire le suivi du fonctionnement des Postes de Santé qui sont dans la circonscription du Centre de Santé.
Ingingo ya 21: Abagize Komite y'Ubuzima y'Ikigo Nderabuzima cyangwa Ikigo Nderabuzima gitanga serivisi zisumbuye ku rwego rwa Dogiteri	**Article 21: Members of the Health Committee of a Health Centre or Medicalised Health Centre**	**Article 21: Membres du Comité de Santé du Centre de Santé ou du Centre de Santé Médicalisé**
A. Ikigo Nderabuzima cyangwa Ikigo Nderabuzima gitanga serivisi zisumbuye ku rwego rwa Dogiteri cya Leta	**A. Public Health Centre or Medicalised Health Centre**	**A. Centre de Santé ou Centre de Santé Médicalisé public**
Abagize Komite y'Ubuzima y'Ikigo Nderabuzima ni aba bakurikira:	Members of the Health Committee of a Health Centre are the following:	Les membres du Comité de Santé d'un Centre de Santé sont les suivants:
1° uhagarariye Inama Njyanama y'Umurenge Ikigo nderabuzima	1° a representative of the Sector Council where the Health Centre is located;	1° un représentant du Conseil de Secteur où se trouve le Centre de Santé;

giherereyemo;		
2° uhagarariye Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge Ikigo Nderabuzima giherereyemo ugenwa n'Akarere;	2° a representative of the Executive Secretary of the Sector where the Health Centre is located designated by the District;	2° un représentant du Secrétaire Exécutif de Secteur où se trouve le Centre de Santé désigné par le District;
3° uhagarariye sosiyete sivile mu Murenge Ikigo Nderabuzima giherereyemo utorwa na begenzi be;	3° a representative of civil society in the Sector where the Health Center is located elected by his or her peers;	3° un représentant de la société civile de Secteur où se trouve le Centre de Santé élu par ses pairs;
4° uhagarariye Urugaga rw'Abikorera mu Murenge Ikigo Nderabuzima giherereyemo utorwa na begenzi be;	4° a representative of the Private Sector Federation in the Sector where the Health Center is located elected by his or her peers;	4° un représentant de la Fédération du Secteur Privé dans le Secteur où se trouve le Centre de Santé élu par ses pairs;
5° uhagarariye ibitaro Ikigo Nderabuzima gishamikiyeho;	5° a representative of the hospital to which the Health Centre is affiliated;	5° un représentant de l'hôpital auquel le Centre de Santé est affilié;
6° umwe mu bayobozi b'Amavuriro y'Ibanze ari mu Murenge Ikigo Nderabuzima giherereyemo utorwa na bagenzi be;	6° one of the heads of Health Posts operating in the Sector where the Health Centre is located elected by his or her peers;	6° un des responsables des postes de Santé opérant dans le Secteur où se trouve le Centre de Santé élu par ses pairs;
7° uhagarariye abajyanama b'ubuzima bari mu Murenge Ikigo Nderabuzima giherereyemo utorwa na bagenzi be.	7° a representative of community health workers in the Sector where the Health Centre elected by his or her peers.	7° un représentant des agents de santé communautaires dans le Secteur où se trouve le Centre de Santé élu par ses pairs.

B. Ikigo Nderabuzima cyangwa Ikigo nderabuzima gitanga serivisi zisumbuye ku rwego rwa Dogiteri cy'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano	**B. Subsidised Health Centre or Medicalised Health Centre**	**B. Centre de Santé ou Centre de Santé Médicalisé conventionné**
Abagize Komite y'Ubuzima y'Ikigo Nderabuzima cyangwa Ikigo Nderabuzima gitanga serivisi zisumbuye ku rwego rwa Dogiteri cy'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano ni aba bakurikira:	Members of the Health Committee of a Subsidised Health Centre or Medicalised Health Centre are the following:	Les membres du Comité de Santé d'un Centre de Santé ou Centre de Santé Médicalisé conventionné sont les suivants:
1° uhagarariye Inama Njyanama y'Umurenge Ikigo Nderabuzima gihereyemo;	1° a representative of the Sector Council where the Health Centre is located;	1° un représentant du Conseil de Secteur où se trouve le Centre de Santé;
2° abantu babiri (2) bahagarariye nyir'ikigo cy'ubuvuzi;	2° two (2) representatives of the owner of the health facility;	2° deux (2) représentants du propriétaire de la formation sanitaire;
3° uhagarariye Urugaga rw'Abikorera mu Murenge Ikigo Nderabuzima gihereyemo utorwa na begenzi be;	3° a representative of the Private Sector Federation in the Sector where the Health Centre is located elected by his or her peers;	3° un représentant de la Fédération du Secteur Privé dans le Secteur où se trouve le Centre de Santé élu par ses pairs;
4° uhagarariye ibitaro Ikigo Nderabuzima gishamikiyeho;	4° a representative of the hospital to which the Health Centre is affiliated;	4° un représentant de l'hôpital auquel le Centre de Santé est affilié;
5° umwe mu bayobozi b'Amavuriro y'Ibanze ari mu Murenge Ikigo Nderabuzima gihereyemo utorwa na bagenzi be;	5° one of the heads of the health posts operating in the Sector where the Health Centre is located elected by his or her peers;	5° un des dirigeants des postes de santé opérant dans le Secteur où se trouve le Centre de Santé élu par ses pairs;

6° umwe mu bahagariye abajyanama b'ubuzima bari mu Murenge Ikigo Nderabuzima gihererereyemo utorwa na bagenzi be.	6° a representative of community health workers in the Sector where the Health Centre is located elected by his or her peers.	6° un représentant des agents de santé communautaires au niveau de Secteur où se trouve le Centre de Santé élu par ses pairs.
Ingingo ya 22: Umwanditsi wa Komite y'Ubuzima	**Article 22: Rapporteur of the Health Committee**	**Article 22: Rapporteur du Comité de Santé**
Umuyobozi w'Ikigo Nderabuzima yitabira inama za Komite y'Ubuzima y'Ikigo Nderabuzima ayobora, akayibera umwanditsi ariko ntatora.	The Head of the Health Centre attends the meetings of the Health Committee of the Health Centre that he leads and serves as its rapporteur, but he or she does not vote.	Le titulaire du Centre de Santé participe aux réunions du Comité de Santé du Centre de Santé qu'il dirige et sert de son rapporteur mais il ne vote pas.
Ingingo ya 23: Uko abagize Komite y'Ubuzima b'Ikigo Nderabuzima cyangwa Ikigo nderabuzima gitanga serivisi zisumbuye ku rwego rwa Dogiteri batoranywa	**Article 23: Modalities of selection of members of the Health Committee of a Health Centre or Medicalised Health Centre**	**Article 23: Modalités de sélection des membres du Comité de Santé du Centre de Santé ou Centre de Santé Médicalisé**
Abagize Komite y'Ubuzima batoranywa hakurikijwe ubunyangamugayo bwabo kandi bakaba bafite ubushobozi bwo gutanga ibitekerezo byateza imbere Ikigo Nderabuzima, bakemezwa n'Inama Njyanama y'Umurenge.	Members of the Health Committee are selected on the basis of their integrity and ability to give opinions that can contribute to the development of the Health Centre and are approved by the Sector Council.	Les membres du Comité de Santé sont choisis sur base de leur intégrité et de leur capacité de donner les avis qui peuvent contribuer au développement du Centre de Santé et ils sont approuvés par le Conseil de Secteur.
Usibye uhagarariye abajyanama b'ubuzima, abandi bagomba kuba bafite byibura impamyabushobozi y'amashuri yisumbuye.	Except for the representative of community health workers, the others must have at least a high school diploma.	À l'exception du représentant des agents de santé communautaires, les autres doivent être titulaires d'au moins un diplôme de l'école secondaire.

Ingingo ya 24: Ishyirwaho ry'ubuyobozi bwa Komite y'Ubuzima y'Ikigo Nderabuzima cyangwa Ikigo Nderabuzima gitanga serivisi zisumbuye ku rwego rwa Dogiteri	**Article 24: Establishment of the management of a Health Centre or Medicalised Health Centre's Health Committee**	**Article 24: Mise en place de la direction du Comité de Santé d'un Centre de Santé ou Centre de Santé Médicalisé**
Inama Njyanama y'Umurenge ishyiraho Perezida wa Komite y'Ubuzima y'Ikigo Nderabuzima cya Leta imaze gushyiraho abagize Komite y'Ubuzima, naho Perezida wa Komite y'Ubuzima y'Ikigo Nderabuzima cy'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano ashyirwaho na nyir'ikigo cy'ubuvuzi.	The Chairperson of the Health Committee of a public Health Centre is appointed by the Sector Council after appointing members of the Health Committee while the Chairperson of the Health Committee of a Subsidised Health Centre is appointed by its owner.	Le Conseil de Secteur nomme le Président du Comité de Santé d'un Centre de Santé public après avoir nommé les membres du Comité de Santé tandis que le Président du Comité de Santé d'un Centre de Santé conventionné est nommé par son propriétaire.
Nyir'ikigo cy'ubuvuzi ashyikiriza mu nyandiko Inama Njyanama y'Umurenge, agaha kopi Minisiteri y'Ubuzima, amazina y'abazamuhagararira muri Komite y'Ubuzima agaragaza na Perezida wayo.	The owner of a health facility submits to the Sector Council in writing, with a copy to the Ministry of Health, the names of his or her representatives on the Health Committee and specifies its Chairperson.	Le propriétaire d'une formation sanitaire soumet au Conseil de Secteur par écrit, donne copie au Ministère de la santé, les noms de ses représentants dans le Comité de Santé et précise son Président.
Abandi basigaye bagize Komite y'Ubuzima bashyirwaho n'Inama Njyanama y'Umurenge.	The remaining members of the Health Committee are appointed by the Sector Council.	Les membres restants du Comité de Santé sont nommés par le Conseil de Secteur.
Visi Perezida atorwa n'abagize Komite y'Ubuzima y'Ikigo Nderabuzima mu nama yabo ya mbere.	The Deputy Chairperson is elected by members of the Health Centre's Health Committee in their first meeting.	Le Vice-Président est élu par les membres du Comité de Santé du Centre de Santé au cours de leur première réunion.

<u>Ingingo ya 25</u>: Igihe inama za Komite y'Ubuzima y'Ikigo Nderabuzima cyangwa Ikigo Nderabuzima gitanga serivisi zisumbuye ku rwego rwa Dogiteri zibera	**<u>Article 25</u>: Frequency of the Health Centre or Medicalised Health Centre's Health Committee meetings**	**<u>Article 25</u>: Fréquence des réunions du Comité de Santé du Centre de Santé ou Centre de Santé Médicalisé**
Komite y'Ubuzima y'Ikigo Nderabuzima iterana inshuro imwe (1) mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa. Itumizwa ryayo n'ifatwa ry'ibyemezo bikurikiza ibiteganywa mu ngingo ya 12 n'iya 13 z'aya mabwiriza.	A Health Centre's Health Committee meets once (1) a quarter and whenever necessary. Its convening and the decision-making comply with the provisions of Articles 12 and 13 of these Instructions.	Le Comité de Santé d'un Centre de Santé se réunit une (1) fois par trimestre et chaque fois que de besoin. Sa convocation et la prise des décisions se conforment aux dispositions des articles 12 et 13 des présentes instructions.
<u>Ingingo ya 26</u>: Ibyemezo bya Komite y'Ubuzima y'Ikigo Nderabuzima cyangwa Ikigo Nderabuzima gitanga serivisi zisumbuye ku rwego rwa Dogiteri	**<u>Article 26</u>: Decisions of a Health Centre or Medicalised Health Centre's Health Committee**	**<u>Article 26</u>: Décisions du Comité de Santé d'un Centre de Santé ou Centre de Santé Médicalisé**
Ibyemezo by'inama za Komite y'Ubuzima y'Ikigo Nderabuzima bishyikirizwa mu nyandiko Inama Njyanama y'Umurenge Ikigo Nderabuzima gihererereyemo mbere y'uko ishyirwa mu bikorwa kandi Umuyobozi w'Akarere n'Umuyobozi w'Ibitaro by'Akarere bagahabwa kopi mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) uhereye ku munsi inama yateraniyeho.	Decisions of the meetings of a Health Centre's Health Committee are submitted in writing to the Sector Council where the Health Centre is located before being implemented and their copy is given to the Mayor of the District and the Director of the District Hospital within five (5) working days from the day the meeting was held.	Les décisions des réunions du Comité de Santé d'un Centre de Santé sont soumises par écrit au Conseil de Secteur où se trouve le Centre de Santé avant d'être mises en œuvre et leur copie est remise au Maire de District et au Directeur de l'Hôpital de District endéans cinq (5) jours ouvrables à partir du jour de la tenue de la réunion.
Inama Njyanama y'Umurenge itanga uburenganzira bwo gushyira mu bikorwa ibyemezo mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uhereye igihe yabyakiriye. Iyo icyo gihe kirenze nta burenganzira atanze,	The Sector Council authorises the implementation of the decisions within fifteen (15) days from the day of its receipt. Should this period be exceeded without authorisation, the decisions are implemented.	Le Conseil de Secteur autorise la mise en œuvre des décisions endéans quinze (15) jours à compter à partir du jour de sa réception. Dépassé ce délai sans donner l'autorisation, les décisions sont mises en oeuvre.

ibyemezo bishyirwa mu bikorwa.		
Umuyobozi w'Akarere afite ububasha bwo guhagarika by'agateganyo ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo binyuranye n'amabwiriza agenga ubuvuzi mu Rwanda cyangwa n'andi mategeko ariho.	The Mayor of the District has the power to suspend the implementation of decisions contrary to the instructions governing health services in Rwanda or other laws in force.	Le Maire de District a le pouvoir de suspendre la mise en œuvre des décisions contraires aux instructions régissant les services de santé au Rwanda ou à d'autres lois en vigueur.
Ingingo ya 27: Isuzuma ry'imikorere ya Komite y'Ubuzima	**Article 27: Evaluation of the functioning of the Health Committee**	**Article 27: Évaluation du fonctionnement du Comité de Santé**
Imikorere ya Komite y'Ubuzima y'Ikigo Nderabuzima isuzumwa n'ubuyobozi bwayishyizeho. Isuzuma rikorwa inshuro imwe (1) mu mwaka hagendewe ku mirongo ngenderwaho itangwa na Minisiteri y'Ubuzima ishyikirizwa Akarere.	The functioning of a Health Centre's Health Committee is evaluated by the appointing authority. The evaluation is done once (1) a year on the basis of the guidelines of the Ministry of Health which are submitted to the District.	Le fonctionnement du Comité de Santé d'un Centre de Santé est évalué par l'autorité de nomination. L'évaluation se fait une (1) fois par an sur base des lignes directrices du Ministère de la santé qui sont transmises au District.
Ingingo ya 28: Inshingano n'ububasha bya Komite Ncungamutungo y'Ikigo Nderabuzima cyangwa Ikigo Nderabuzima gitanga serivisi zisumbuye ku rwego rwa Dogiteri	**Article 28: Responsibilities and powers of the Management Committee of a Health Centre or Medicalised Health Centre**	**Article 28: Attributions et pouvoirs du Comité de Gestion d'un Centre de Santé ou Centre de Santé Médicalisé**
Buri Kigo Nderabuzima kigira Komite Ncungamutungo ifite inshingano n'ububasha bikurikira:	Each Health Centre has a Management Committee with the following responsibilities and powers:	Chaque Centre de Santé a un Comité de Gestion avec les attributions et les pouvoirs suivants:
1° gukurikira buri kwezi uko amafaranga yakoreshejwe n'uko amakonti y'Ikigo Nderabuzima ahagaze; 2° gusuzuma ku rwego rwa mbere,	1° to follow up monthly the expenses and the Health Centre's accounts status; 2° to review at the first level, the	1° faire le suivi mensuel des dépenses et de la situation des comptes du Centre de Santé; 2° examiner au premier niveau les dossiers

amadosiye ashyira abakozi mu myanya y'imirimo, abasezerera n'ibihano byahawe abakozi bavura, abakozi bo mu buyobozi n'abandi bakozi b'Ikigo Nderabuzima mbere yo kuyashyikiriza Komite y'Ubuzima;	recruitment, dismissal and sanction files of medical and administrative staff and other employees of the Health Centre before submitting them to the Health Committee;	de recrutement, de révocation et de sanction du personnel médical et administratif et d'autres employés du Centre de Santé avant de les soumettre au Comité de Santé;
3° gusuzuma no kwemeza raporo na gahunda y'ibikorwa by'umwaka mbere y'uko bishyikirizwa Komite y'Ubuzima;	3° to review and approve the annual report and action plan before they are submitted to the Health Committee;	3° examiner et approuver le rapport et le plan d'action annuels avant qu'ils soient soumis au Comité de Santé;
4° gutegura no gushyikiriza Komite y'Ubuzima urutonde rw'imyanya y'imirimo ishakirwa abakozi;	4° to prepare and submit the list of vacant job positions to the Health Committee;	4° préparer et soumettre la liste des postes d'emploi vacants au Comité de Santé;
5° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi hakurikijwe amategeko n'amabwiriza agenga imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi.	5° to monitor the implementation of salaries and other benefits allocated to staff in accordance with laws and regulations governing salaries and benefits.	5° faire le suivi de la mise en œuvre des salaires et d'autres avantages alloués au personnel conformément aux lois et règlements régissant les salaires et les avantages.
Ingingo ya 29: Abagize Komite Ncungamutungo y'Ikigo Nderabuzima cyangwa Ikigo Nderabuzima gitanga serivisi zisumbuye ku rwego rwa Dogiteri	**Article 29: Members of the Management Committee of a Health Centre or Medicalised Health Centre**	**Article 29: Membres du Comité de Gestion d'un Centre de Santé ou Centre de Santé Médicalisé**
Buri Kigo Nderabuzima kigomba kugira Komite Ncungamutungo igizwe n'aba bakurikira:	Each Health Centre must have a Management Committee composed of the following persons:	Chaque Centre de Santé doit avoir un Comité de Gestion composé des personnes suivantes:
1° Umuyobozi w'Ikigo Nderabuzima ari	1° the Head of the Health Centre who is	1° le titulaire du Centre de Santé qui en est

na we Perezida; 2° ushinzwe umutungo mu Kigo Nderabuzima ari nawe Visi Perezida; 3° uhagarariye abakozi bavura utorwa na bagenzi be; 4° uhagarariye abakozi batavura utorwa na bagenzi be; 5° uhagarariye nyir'ikigo cy'ubuvuzi ku bigo by'ubuvuzi by'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano. Uyu agomba kuba atandukanye n'uri muri Komite y'Ubuzima.	the Chairperson; 2° the person in charge of finance of the Health Centre who is the Deputy Chairperson; 3° a representative of medical staff elected by his or her peers; 4° a representative of the non-medical personnel elected by his or her peers; 5° a representative of the owner of the health facility for subsidised health facilities. He or she must be different from the member of the Health Committee.	le Président; 2° le chargé des finances du Centre de Santé qui en est le Vice-Président; 3° un représentant du personnel médical élu par ses pairs; 4° un représentant du personnel non médical élu par ses pairs; 5° un représentant du propriétaire de la formation sanitaire pour les formations sanitaires conventionnées. Il doit être différent du membre du Comité de Santé.
Ingingo ya 30: Inama za Komite Ncungamutungo	**Article 30: Meetings of the Management Committee**	**Article 30: Réunions du Comité de Gestion**
Komite Ncungamutungo y'Ikigo Nderabuzima iterana inshuro imwe (1) mu kwezi n'igihe cyose bibaye ngombwa. Inama ya Komite Ncungamutungo itumizwa na Perezida wayo mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi. Iyo adahari, itumizwa na Visi Perezida. Umwanditsi w'inama ya Komite Ncungamutungo atorwa n'abagize Komite ku	The Management Committee of a Health Centre meets once (1) per month and whenever necessary. The Committee is convened by its Chairperson within five (5) working days. In his or her absence, it is convened by the Deputy Chairperson. The rapporteur of the Management Committee is elected by members of the Committee by a	Le Comité de Gestion d'un Centre de Santé se réunit une (1) fois par mois et chaque fois que de besoin. Le Comité est convoqué par son Président endéans cinq (5) jours ouvrables. En cas d'absence, il est convoqué par le Vice-Président. Le rapporteur du Comité de Gestion est élu par les membres du Comité à la majorité des voix.

bwiganze bw'amajwi.	majority of votes.	
<u>Ingingo ya 31</u>: Isuzuma ry'Imikorere ya Komite Ncungamutungo	**<u>Article 31</u>: Evaluation of the functioning of the Management Committee**	**<u>Article 31</u>: Évaluation du fonctionnement du Comité de Gestion**
Imikorere ya Komite Ncungamutungo y'ikigo cy'ubuvuzi isuzumwa n'ubuyobozi bwayishyizeho. Isuzuma rikorwa inshuro imwe (1) mu mwaka hagendewe ku mirongo ngenderwaho itangwa na Minisiteri y'Ubuzima ishyikirizwa Akarere.	The functioning of the Management Committee of a health facility is evaluated by the appointing authority. The evaluation is done once (1) a year on the basis of the guidelines of the Ministry of Health which are submitted to the District.	Le fonctionnement du Comité de Gestion d'une formation sanitaire est évalué par l'autorité de nomination. L'évaluation se fait une (1) fois par an sur base des lignes directrices du Ministère de la Santé qui sont transmises au District.
<u>Icyiciro cya 4</u>: Ibigenerwa abagize Komite z'ibigo by'ubuvuzi na manda yabo	**<u>Section 4</u>: Benefits granted to members of Committees of health facilities and their term of office**	**<u>Section 4</u>: Avantages alloués aux membres des Comités des formations sanitaires et leur mandat**
<u>Ingingo ya 32</u>: Ibigenerwa abagize Komite z'ibigo by'ubuvuzi	**<u>Article 32</u>: Benefits granted to members of Committees of health facilities**	**<u>Article 32</u>: Avantages alloués aux membres des Comités des formations sanitaires**
Inama Njyanama y'ifasi ikigo cy'ubuvuzi gihereyemo igena ibigenerwa abagize Komite z'Ubuzima.	The Council of the area where the Health Centre is located determines benefits granted to Health Committees.	Le Conseil de la circonscription où se trouve le Centre de Santé détermine les avantages alloués aux Comités de Santé.
Abagize Komite Ncungamutungo nta bindi bagenerwa kubera ko inama bakora zifatwa mu rwego rw'akazi.	Members of the Management Committee have no other benefits as their meetings are considered working meetings.	Les membres du Comité de Gestion n'ont pas d'autres avantages car leurs réunions sont considérées comme des réunions de travail.

<u>Ingingo ya 33</u>: Manda ya za Komite n'uburyo hasimbuzwa uwavuye mu mwanya	**<u>Article 33</u>: Term of office of Committees and procedures for replacement of a member who ceases to hold office**	**<u>Article 33</u>: Mandat des Comités et modalités de remplacement d'un membre qui cesse ses fonctions**
Komite y'Ubuzima igira manda y'imyaka ine (4) ishobora kongerwa inshuro imwe (1).	The term of office of a Health Committee is four (4) years renewable once (1).	Le mandat d'un Comité de Santé est de quatre (4) renouvelable une fois (1).
Abagize Komite Ncungamutungo batorwa na bagenzi babo cyangwa bashyirwaho na nyir'ikigo cy'ubuvuzi bagira manda y'imyaka ibiri (2) ishobora kwiyongera inshuro imwe (1).	Management Committee members elected by their peers or appointed by the owner of a health facility have a two (2) year term renewable once (1).	Les membres du Comité de Gestion élus par leurs pairs ou désignés par le propriétaire d'une formation sanitaire ont un mandat de deux (2) ans renouvelable une (1) fois.
Iyo hari ugize Komite y'Ubuzima uvuye mu mwanya asimburwa mu gihe kitarenze iminsi mirongo icyenda (90) bikozwe mu buryo uwo asimbuye yari yashyizweho	In the event that a member of a Health Committee ceases to hold office, he or she is replaced within ninety (90) days following the same process through which his or her predecessor was designated.	En cas de cessation de fonctions d'un membre du Comité de Santé, il est remplacé endéans quatre-vingt-dix (90) jours suivant la voie dans laquelle son prédécesseur a été désigné.
Iyo hari ugize Komite Ncungamutungo uvuye mu mwanya asimburwa mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) bikozwe mu buryo uwo asimbuye yari yashyizweho.	If a member of the Management Committee ceases to hold office, he or she is replaced within fifteen (15) days following the same process through which his or her predecessor was designated.	En cas de cessation de fonctions d'un membre du Comité de Gestion, il est remplacé endéans quinze (15) jours suivant la voie dans laquelle son prédécesseur a été désigné.
<u>UMUTWE WA III</u> : INGINGO ZISOZA	**<u>CHAPTER III</u>: FINAL PROVISIONS**	**<u>CHAPITRE III</u>: DISPOSITIONS FINALES**
<u>Ingingo ya 34</u>: Ivanwaho ry'amabwiriza n'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza	**<u>Article 34</u>: Repealing provision**	**<u>Article 34</u>: Disposition abrogatoire**
Amabwiriza ya Minisitiri n° 7014 yo ku wa 16/09/2020 agena inshingano n'imikorere bya	Ministerial Instructions n° n° 7014 of 16/09/2020 determining the duties and	Les Instructions Ministérielles n° 7014 du 16/09/2020 déterminant les attributions et le

komite zishinzwe imicungire y'amavuriro ya Leta cyangwa aterwa inkunga na Leta akorera mu Karere n'ingingo zose z'amabwiriza yabanjirije aya kandi zinyuranyije na yo bivanyweho.	functioning of committees in charge of the management of public or subsidised health facilities operating in the District and all prior provisions contrary to these Instructions are repealed.	fonctionnement des comités chargés de la gestion des formations sanitaires publiques ou subventionnées par l'État opérant au niveau de District et toutes les dispositions antérieures contraires aux présentes instructions sont abrogées.
Ingingo ya 35: Igihe aya mabwiriza atangirira gukurikizwa	**Article 35: Commencement**	**Article 35: Entrée en vigueur**
Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi ashyiriweho umukono.	These Instructions come into force on the date of their signature.	Les présentes instructions entrent en vigueur le jour de leur signature.

Kigali, 30/11/2020

(sé)

Dr NGAMIJE MADANDI Daniel
Minisitiri w'Ubuzima
Minister of Health
Ministre de la Santé

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Sean and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux